REPUBURIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA HUYE

**ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RP 00079/2019/TGI/HYE GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KURWITABA**

---

-Umwaka w'i 2019,umunsi wa 10 w'ukwezi kw'Ukwakira;

-Twebwe MBISHIBISHI Maurice; Perezida w'Urukiko rwisumbuye rwa Huye,dufatanyije na TUGIZAMAHIRWE Olive; Umwanditsi w'uru rukiko.

-Tumaze kubona urubanza RP 00079/2019/TGI/HYE,Ubushinjacyaha ku rwego rwisumbuye rwa Huye bukurikiranyemo **SIBOMANA Viateur icyaha cyo gukubita cyangwa gukomeretsa umuntu ku bushake, ruzaburanishwa ku wa 05/12/2019 saa ine za mugitondo.**

-Tumaze kubona ko SIBOMANA Viateur mwene Nzabandora Xavier na Mukamusoni Thacienna,wavutse 1975, mu mudugudu wa Kamunyinya, akagari ka Rugango, umurenge wa Mbazi, akarere ka Huye, intara y'Amajyepfo, ni naho atuye,umuhinzi, ubu ukurikiranywe yaratorotse ubutabera;

-Tumaze kubona ko SIBOMANA Viateur yihishe cyangwa yatorotse ubutabera;

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE TUBONYE:

-Dushingiye ku ngingo za 212-214 z'itegeko n°30/2013 ryo ku wa 24/5/2013 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha;

**-Dutegetse SIBOMANA Viateur kuzitaba Urukiko rwisumbuye rwa Huye ku wa 05/12/2019 i saa ine za mugitondo** ku cyicaro cyarwo mu murenge wa Ngoma mu nyubako y'Ingoro y'Ubutabera ya Huye iri hagati y'inyubako ya BNR/ishami rya Huye n'Iposita/ ishami rya Huye kugira ngo aburanishwe, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, agacirwa urubanza adahari;

-Twemeje ko mu rwego rwo kubimenyekanisha iki cyemezo kimanikwa ahagenewe amatangazo ku rukiko rwisumbuye rwa Huye,ku zindi nkiko zisumbuye, ku biro by'umurenge wa Ngoma no ku biro by'akarere ka Huye ndetse kikanatangazwa ku rubuga rw'Urwego rw'ubucamanza.

Bikorewe i Ngoma /Huye mu mwaka,umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru.

| PEREZIDA | UMWANDITSI |
|---|---|
| MBISHIBISHI Maurice | TUGIZAMAHIRWE Olive |
| Sé | Sé |

Copie certifié conforme à l'original
Par Greffier Olive TUGIZAMAHIRWE
Ce 10/10/2019